Our Health
Our Future

ITANGAZO

Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda "RSSB" kiramenyesha abakozi n'abakoresha bose ko guhera mu ntangiriro z'ukwezi kwa karindwi 2019, kwandikisha mu bwiteganyirize abakozi bashya bikorerwa ku rubuga rwa "internet" rwa RSSB arirwo www.rssb.rw, bigakorwa hifashishijwe nomero y'irangamuntu y'umukozi wandikishwa, aho nyuma yo gushyiramo iyo nomero hahita hagaragara umwirondoro w'umukozi, umukoresha yakwemeza uwo mwirondoro umukozi agahita ahabwa nomero y'ubwiteganyirize yifashishwa mu gukora imenyekanisha ry'imishahara.

Urwo rubuga kandi rwifashishwa n'abakoresha bashaka kumenya nomero z'abakozi basanzwe bafite ubwiteganyirize muri RSSB, aho umukoresha ashyiramo nomero y'irangamuntu y'umukozi akagaragarizwa nomero y'ubwitegenyirize y'umukozi atarinze kujya kuyishakisha ku kigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda RSSB.

Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda "RSSB" kiboneyeho akanya ko gukangurira abakoresha kwaka abakozi kopi z'irangamuntu kugira ngo bajye bazifashisha mu gusaba

Plot 1003 Ubumwe Cell, African Union Boulevard, • Kiyovu, Nyarugenge • P.O Box 250/6655, Kigali
Tel: +250788151000/ +250220171000 • Toll Free line: 4044 • E-mail: info@rssb.rw • Web: www.rssb.rw

Our Health
Our Future

cyangwa gushakisha nomero z'ubwiteganyirize z'abakozi igihe bibaye ngombwa.

Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda kiributsa ko guteganyiriza umukozi ari inshingano z'umukoresha, kikanibutsa kandi ko buri mukozi ukorera umushahara agomba guteganyirizwa nkuko biteganywa n'itegeko.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara nomero itishyurwa 4044.

Bikorewe i Kigali, kuwa.....13 AOUT 2019.....

TUSABE Richard

Umuyobozi Mukuru wa RSSB

IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA-RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD
REPUBULIKA Y'U RWANDA